Kibungo,kuwa 22.09.1997.

Nº 138/21.08.01

REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA KIBUNGO
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO,
IMIKINO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.

Nyakubahwa Ministiri w'Urubyiruko, Imikino,
Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse

k i g a l i;

Impamvu : Raporo y'Igihembwe
cya III.

Nyakubahwa Ministiri,

Hamwe n'iyi barwa, nishimiye kubagezaho Raporo y'Igihembwe cya III.

Murakoze.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Imikino
Umuco no kwigisha Imyuga
iciriritse
BAGOROZI Côme.-

Bimenyeshejwe:
- Bwana Perefe wa Perefegitura.
K I BUU N G O.

## RAPORO Y'IGIHEMBWE CYA III, KAMENA- NZERI.

### INZEGO Z'URUBYIRUKO.

Umurimo wo gushinga inzego z'Urubyiruko wari waratangiye hose, ndetse zaranashinzwe muri za segiteri zose, ariko kubera izindi nzego z'Ubuyobozi zitabyitaho zagiye zisenyuka.

Kugirango dushobore kuzikomeza, twasanze Abanyeshuri bari mu mashuri makuru badufasha, ari nayo mpamvu hashyizweha Komite izajya ibahuza, na buri Komini ikagira abayiserukira bazajya bahuza Abanyeshuri n'Abayobozi b'Urubyiruko muri za segiteri, komini na perefegitura. Ubu rero Abanyeshuri batangiye gufasha.

### IBARURA RY'URUBYIRUKO.

Cyo kimwe no gushinga inzego, n'ibarura ry'Urubyiruko ryaranani-ranye, kubera ko izo nzego z'Urubyiruko zidakora.

Mu nshingano nkuru twihaye ubuyobozi bw'abanyeshuri, ni ugukoresha inama abanyeshuri muri za komini zose, noneho bamwe bose aho bari muri za serire bagatangira kubarura Urubyiruko rwose ruhari, kandi uwo murimo waratangiye.

Ikindi twasanze gishobora gutuma Urubyiruko ruyoba cyangwe se rugakora ibintu bibi, ni ubukene rufite muri kino gihe. Abanyeshuri baserikira abandi basabwe kumvisha urundi rubyiruko ko kwibumbira mu Mashyirahamwe aribwo buryo bwiza bwababafasha gukemura ibibazo bafite, gurtyo bagahabwa inguzanyo nkabandi banyarwanda bose.

### UMUCO.

Nkuko twari twabigejejweho na Ministiri w'Urubyiruko, Imikino, Umuco no kwigisha Imyuga icyiritse mw'ibaruwa(N° 862.21.14) ko habaho igitaramo cyo kwizihiza umuco w'amahoro.

Icyo gitaramo kizihirijwe mu nzu mberabyombi ya Perefegitura Kibungo taliki ya 10.08.1997. Muri icyo gitaramo hari amatorero cumi narimwe: Economique RWAMAGANA, Komini BIRENGA, NYARUBUYE, ABATONI B'UMW-AMI, ba RUTONDE, KAYONZA, RUSUMO, MUHAZI, KIGARAMA, KABARONDO, RUKIRA, SAKE naho Komini MUGESERA ntabwo yohereje itorero ryayo uretse ko haje abantu babiri kugiti cyabo bakaba bararirimbye.

Mu bikino byagaragaye uwo munsi ni uko amatorero yose yashi-mangiye cyane amahoro y'Abanyerwanda ndetse m'Ubumwe n'Ubwiyunge bwabo.

Amatorero yose yarabyinnye. Itorero rya MUSAMVU muri BIRENGA niryo ryerekanye umuvugo mwiza w'Abana bato bavuze k'Umuco w'Amahoro n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda, itorero rya NYARUBUYE ryerekana umukino mwiza w'Ubwiyunge.

Biragaragara cyane ko amatorero nka yose agikora bimwe, bikaba bisaba kuyakurikirana cyane kugirango ubushakashatsi bwayo bwiyongere.

... / ... ...Ikipe izaba yatsinze ayandi.

DORE UKO AMATORERO YARUSHANIJWE.

| | ITORERO | AMANOTA / 50 | IBIHEMBO |
|---|---|---|---|
| 1. | Economique RWAMAGANA | 38 | 75.000 Frw |
| 2. | Komini BIRENGA | 35 | 65.000 Frw |
| 3. | --"- NYARUBUYE | 34 | 55.000 Frw |
| 4. | " RUTONDE(ABATONI) | 32 | 45.000 Frw |
| 5 | - KAYONZA | 31 | 35.000 Frw |
| 6. | RUSUMO | 30 | 20.000 Frw |
| 7. | MUHAZI | 30 | 20.000 Frw |
| 8. | KIGARAMA | 30 | 20.000 Frw |
| 9. | KABARONDO | 29 | 20.000 Frw |
| 10. | RUKIRA | 26 | 20.000 Frw |
| 11. | SAKE | 25 | 20.000 Frw |

Komini MUGESERA ntabwo itorero ryayo ryaje, ariko haje abantu 2, Umudamu n'Umwana baririmbye nabo bahawe amafaranga ibihumbi 5.000 Frw.

IMIKINO:

Mu rwego rwa Perefegitura ikipe Etoile de l'Est yarangije imikino yayo yo mu kiciro cya kabiri, irangije ari iya ~~[illegible]~~ kabiri ikaba itarigeze itsindwa narimwe. Yatsinze kane inganya nane.

Etoile de l'Est ni ikipe ubusanzwe ifite Abakinnyi beza bafite ubushake, ariko ikaba ifite ibibazo byinshi, ahanini bishingiye ku buyobozi.

Uretse Etoile de l'Est, muri Kibungo hari andi makipe abiri nayo ari mu kiciro cya kabiri: KIREHE F.C, na RWAMAGANA F.C. Kubona Prefegitura ifite amakipe atatu (3) ari mu kiciro cya kabiri, nibyerekana ko dufite abakinnyi benshi, ariko ~~[illegible]~~ bakeneye guterwa inkunga ni inzego zose kugirango inshingano z'imikino zigerweho.

Shampiyona ya Perefegitura nayo yaratangiye ikaba ari iyagatatu nyuma y'Intambara, ~~nayo yaratangiye ikaba~~ mu myaka ibiri ishize Komini BIRENGA ikaba ariyo yatwaye igikombe, ikipe igitsindira ubugira gatatu ikazacyegukana burundu.

Shampiyona y'Umwaka 1997-1998 izatangira taliki ya 07.09.97.

Muri za Komini, shampiyona muri za segiteri hamwe yaratangiye ndetse igiye no kurangira. Amakomini: RUSUMO, BIRENGA, KABARONDO.

Hari Tournoi izahuza amakipe ane ariyo:

1. ABAKOZI
2. JANDARUMERI
3. ABACURUZI
4. IKIPE Y'URUBYIRUKO ( NDAMIRA F.C )

Amakipe yose yatanze ibihumbi mirongo itatu ( 30.000 Frw) yo (kwinjira) kwiyandikisha muri iyo tournoi, hakaba hateganijwe kuzatanga ibihembo kumakipe yose ndetse n'igikombe kw'ikipe izaba yatsinze ayandi.

... / ...

Mu rwego rw'amashuri, naho imikino yarabaye iranarangira, ari mu mupira w'amaguru, ari no mu mipira y'intoki. Ariko mu mipira y'amaguru mu rwego rw'igihugu, Perefegitura yari guserukirwa na E.T.O kuko ariyo yaje gutsindira igikombe cya Perefegitura. Siko byagenze rero kuko ishuri rya RWAMAGANA ryaje kuzana imanza igihe cyo gukina kigeze, iryo shuri naryo ritwara ikipe yabo ndetse hageze ko umukino utangira amakipe yombi yaturutse i kibungo yinjira mu kibuga.

Abari gukiza izo mpaka bo muri MINEDUC kuko ari nabo baziteye, ntibashoboye kumvisha Rwamagana ko iri mu makosa, ahubwo barabibumvise, nuko umukino urahagarikwa, amarushanwa ku rwego rw'igihugu mu mupira w'amaguru aba nta shuri rya Kibungo rihari.

Mu mikino Ngororangingo mu rwego rw'amashuri yarabaye murwego rwa perefegitura, ishuri rya E.T.O riba irya mbere, ariko mu rwego rw'igihu-gu nta mudari iryo shuri ryabonye, ariko ASPEK ~~xxxxxxx~~ yashoboye kuba iyambere mu kwiruka imetero 400m X 4 gurtyo ibona imidari 4 ya ZAHABU.

<u>GUSURA URUBYIRUKO MU MASEGITERI</u>.

Kubera ibibazo bijyanye no gushinga inzego z'Urubyiruko, Segiteri zimwe z'amakomini zikaba nkaho zitabytabira, izo segiteri z zarasuwe taliki ya 08.07.1997, hasuwe segiteri : BARE ya BIRENGA.

Iyo segiteri yatumiwe kenshi Urubyiruko rwanga kwitabira amanama. Kw'italiki yavuzwe hejuru niho bashoboye kuza nyuma y'amanama menshi yagiye asubikwa. Urubyiruko rwaje rwageraga kw'ijana na makumyabiri ruturutse muri serire: KARENGE, MUTENDERI; KAGURUKA, MUZINGIRA, naho serire RURENGE nta numwe waje.

Taliki ya 28.08.1997 hasuwe segiteri KIBARA nayo muri B[illegible], iyo segiteri ikaba igizwe na serire: NYAMIRINDI, NYAGASOZI, NYA[illegible]. Urubyiruko rwitabye inama rwageraga kuri 108.

Muri ayo manama yose twumvishaga Urubyiruko:

- Akamaro ko gushinga inzego z'Ubuyobozi
- Gushinga Amashyirahamwe
- Uruhare rw'Urubyiruko mu mutekano w'Igihugu
- Akamaro ko gutura mu MIDUGUDU.
- Gusangira n'abandi ibyo bafite
- Gufasha abatishoboye.

Muri ayo masegiteri Urubyiruko rwashimye inama twagiranye, ariko bavuga ko Urubyiruko rushaka gukora muri rusango, ariko ko Abayobozi batabitaho ngo babagezeho gahunda za Leta ndetse ngo bazisobanurirwe neza.

Banavuga ko inzego zagiye zishingwa zigasenyuka, ariko biterwa n'uko ba Responsabure na ba Konseye ntacya bitaho.

Muri iyo gahunda, Urubyiruko rwa segiteri KIBARA rukaba [illegible] ko rugiye gutangira ibikorwa byo gufasha Abanyarwanda batishoboye , bubakira cyangwe se bafasha no mu bindi byose bakeneye.

## URUBYIRUKO RWAVUYE MU NGANDO YA NYAKARAMBI.

Nyuma y'INGANDO, Urubyiruko rwayivuyemo rwakomeje kugira [illegible] mu makomini babamo: RUSUMO, KABARONDO, NYARUBUYE, RUTONDE.

Urwo rubyiruko rukaba rwaratangiye gufasha mu bikorwa bimwe:

- Gushinga inzego, ibarura ry'Urubyiruko n'ibindi bafatanije n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko kuri Komini.

Nyuma yaho INGANDO irangiriye, hatowe abasore n'inkumi baturuka mu makomini atandukanye kugirango bazajye bahura igihe bikenewe, bakorane n'inzego z'Urubyiruko kugirango bafashe Urubyruko mu bikorwa byose byo kuzahura igihugu.

Abo banyeshuri batowe baragera kuri makumyabiri, bakaba barakoranye n'inama n'Ubutobozi bw'Urubyiruko mu rwego rwa Perefegitura taliki ya 23.07.1997, iyo nama ikaba yarimo n'intumwa ya Ministeri y'Urubyiruko, Imikini, Umuco no kwigisha Imyuga iciriritse. Ibyavugiwe muri iyo nama biri mu nyandiko mvugo yo kuwa 15.08.1997.

*************** ? ****************